

Ibibazo bijyanye n'Ubwimukira na APS

Ubusesenguzi kuri politiki n'amabwiriza byashyizweho hagamijwe kurengera uburenganzira bw'abanyeshuri bacu.

Ibyemezo byafashwe ku rwego rw'igihugu byabyukije ibibazo byinshi bijyanye n'uko Ifasi y'Ibigo by'amashuri ya Leta bya Albuquerque (Albuquerque Public Schools, APS) ihangana n'ibibazo byerekeye ubwimukira. Ni ibihe bigoye, ariko dushaka ko mumenya ibi mbere na mbere: Dufite mu nshingano umutekano n'imibereho myiza by'abanyeshuri bose igihe bari ku ishuri, kandi ni inshingano dufata ku buryo bukomeye.

Dore ibintu by'ingenzi wamenya kuri iyi ngingo:

- APS yizera ko buri munyeshuri akenera ahantu ho kwigira hatekanye kandi hanamufasha.
- Ingamba [JL2](#) ni zo ziha umurongo ibikorwa byacu kuri uru rwego ndetse n'ibindi byerekeye umutekano w'abanyeshuri. Izo ngamba zigira ziti "abayobozi bo mu rwego rw'abinjira n'abasohoka ntibazigera baza muri kampisi igihe icyo ari cyo cyose."
- Amabwiriza Ngengamikorere [PJ35](#) asobanura ko "iteka iryo iri ryo ryose cyangwa amabwiriza y'abayobozi bo mu rwego rushinzwe abinjira n'abasohoka cyangwa abayobozi bo mu nzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko ahawe umukozi uwo ari we wese w'ifasi y'amashuri amusaba kuzana umunyeshuri gukureshwa iperereza ku byerekeye imiterere y'ubwimukira bwe no gutanga amakuru ashobora kugaragaza ibijyanye n'ubwengehugu bw'umunyeshuri cyangwa ibijyanye n'ubwimukira bwe ntibizemera kandi bizahita bigezwa ku muyobozi w'ikigo ndetse na Polisi ya APS."
- Twibutse ko icyo cyemezo gishobora gutuma umujyanama mu by'amategeko n'umuyobozi mukuru w'ifasi y'amashuri yinjira muri icyo kibazo.
- APS ntijya ikusanya cyangwa ngo ibike amakuru y'ibijyanye n'ubwimukira bw'umunyeshuri.
- Ifasi yagiye ikoresha amahugurwa kugira ngo yizere ko abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abandi bakozzi bazi neza ayo mabwiriza kandi ko akurikizwa.
- Haba itegekonshinga rya New Mexico cyangwa amategeko ya leta ntibishyiraho ubwengehugu nk'igisabwa kugira ngo umwana ufite imyaka yo kwiga ngo ajye mu ishuri rya leta.
- Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika rwanzuye ko ibijyanye n'ubwengehugu bdashobora gukoreshwa mu kwangira umwana ufite imyaka yo kwiga kwemererwa kwiga mu ishuri rya leta.
- Ifasi y'ibigo by'amashuri bya APS ntishobora kwanga kwakira umwana ufite imyaka yo kwiga (kugeza ku myaka 21) ishingiyeye ku kuba izi cyangwa ikeka ko nta byangombwa afite, cyangwa kugira uruhare mu bikorwa bishobora kubuza cyangwa guca intege uburenganzira bw'umwana bwo kwiga mu ishuri rya leta.